

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ______________________________

School: ______________________________

Class: ______________ Year ______________

Subject: ______________________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

Magera Gildas

Ecole scondaire de Ruhango
IKIGO : A.P.A.RU.D.E

Ibyatubayeho MU NTAMBARA

Magera Gildas

Commune KIGOMA

secteur RUBONA

Ecole scondaire de Ruhango

Ikigo: A.P.A.RU.D.E

IBYAMBAYEHO MUNTAMARA

Intambara yatangiye igihe HABYARIMANA YA pfaga ariko muri comine KIGOMA segiteri Rubona yatangiye ku tariki 25 Mata 1994 ari bwo abaturarage ba segiteri hafi ya bose batangiye kurwana na buri wese afata inkoni, amahiri, amabuye data wacu we yishe interahamwe 7.
icyakoze twarwanye iminsi 2 haza imodoka ya Bisi irimo abasirikari ubwayo boye yitura Karara iyomodoka dukuramo amapomba ya lisansi turayishumika twashumitse 3 z'interahamwe

haza indi yarimo umupolisi witwa Gatera aravuga ngo muri bomeza murwana simwe dushaka abatutsi aromdora abo ari bo avuga papa witwa Magera Aphorodise wari Agronome wa Gitarama ubwo twahise duhungira ku musozi wo Rubona. Bakaturasa amasasu akanyura hejuru turara kumugabo witwa Zayari n'umuryango wacu ubwo kumunsi wa 3 duhungiro ahitwa mumpinga ya Rubona turamanuka ahitwa Kukabeda tukimanuka duhura n'umugabo witwa Korori aratubwira diti « muzane amafaranga 1000 Frs Maman aramubwira kontayo biracyaza

afite aratubwira ngo agiye kuzana igitero cy'umuntu witwa Ndamage Ephrem akaba afungiye i KIGOMA ariko kugirango duhure nuwo Mugabo twari twaratatanye kugira ngo bamwe bazagire abapfa abandi bakiro ngo ari bo Imana iribishaka twese twazarokoka. ubwo Maman uwo mugabo yamuhaye 200Frs ubwo habaho umugabo witwa Kagabo wari inshuti ya papa yohereza interahamwe yitwa Kayigamba ngo ize itware abana bose ba Mageza, iyo nterahamwe iraza itugezeho ubwoba buradutaha wareba amoso ye ukavuga uti ndapfuye arakomeza afite icyuma aratubwira ngo nimuze Kagabo arabantumye turagenda tugera kwa Kagabo mbona Ha bashiki kibange baraje akajya atubwira ko bazaza gusaka yakubona ko bazaza akagenda akabwira umusirikare wa koporare Musangi wa wo mungabo zakera kuko yari inshuti ya Kagabo uwo musirikare akamubwira ngo genda ubwire azaza gusaka ngo abo bana ba mageza ngo muzabarebe mwirore hazagira upfa muri bo mwese nzazana imbunda mwese Mbamare hashize iminsi 2 uwo musirikare aza kujya i Gitarama baramuhengera yagiye bazagusaka Kagabo arabyumva araza aratubwira ko bazagusaka, babona umwana w'umuhungu barakamwica baramfata barankenyeza umusambi bagere aho umusenyo bageka mungoni baraza guhiga baratubura baragenda bukeye papa ajya igitarama aca i Mukingi agera mu Byimana agezeyo ahurana bariyeri ariko hari umugabo w'interahamwe ikomeye yitwa Nzaramba bakundaga

kwita Gafini aragenda ajya ahantu bafotora atora amafoto ajyana mu Byimana aravuga ngo umuwabo mubona ashaguitya mu zamu we ahaceze baramutema ba mujugunya Mukuzarane ariko yagiye agiye kizana imodoka ubwo ngubwo abasirikare bageze aho yabaga bakuramo imoto bakasahura bamaramo ibitatu

ibyo birangiye bishe sogokuru na mukecuru batemba n'umukobwa wabagayo uwamutemye yarapfuye

hashize igihe inkotanyi ziraza data wacu witwa Edouard yohereza umusirikare w'inkotanyi ngo aze adutabaze ariko amuroneira ahotari araza atubwira ahotujya ngo tujye mu Masambu
Abandi basirikare baraza baratubwira ngo tuge mu Ruhango
turahunga tujya mu Bugesera

icyo nabasaba ba nkababyeyi

Muranyoherereza ubufasha

icyo mwanyoherereza cyose mbinginga

ngo bimfashirize ~~[illegible]~~ kugenda

ndategereje

yari Magera Gildas

B. P. 70 RUhango A. P. A. RU. DE

Nkaba commune TAMBWE
secteur NYAMAGANA
sellure NYABIHINGA

# INGARUKA

- Kwangana
- KWIcana
- Gusenyerwa
- Gusahurwa

## Murakoze

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.